REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA RUBAVU
P.O BOX 173 GISENYI

## ITANGAZO

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu,ashingiye ku baruwa n° 0645/REB/TDM&CGC/21 yo kuwa 24/08/2021,Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze mu Rwanda (REB) yandikiye uturere asaba gufasha abarimu bifuza guhindura ibigo bigishamo (**Transfers**);

Aramenyesha abarimu bose bifuza koroherezwa urugendo mu mwaka w'amashuri wa 2021-2022 ko amabaruwa abisaba azatangira kwakirwa guhera tariki 03/09/2021 kugeza tariki ya 10/09/2021 saa kumi n'imwe za nimugoroba (5:00 PM).Amabaruwa asaba azajya ashyikirizwa ubunyamabanga rusange bw'Akarere **(hard copy).** Dosiye izanyuzwa kuri email y'Akarere ntabwo izahabwa agaciro.

**Dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

- ✓ Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu ;
- ✓ icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka w'amashuri wa 2019;
- ✓ Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza gitangwa n'Umurenge hamaze kugishwa inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo ;
- ✓ Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe;
- ✓ Fotokopi y'Ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi;
- ✓ Fotokopi y'Impamyabumenyi/Impamyabushobozi ahemberwa;
- ✓ Fotokopi y'Indangamuntu.

**ICYITONDERWA**

- **Abarimu bifuza kuva mu karere ka Rubavu bajya mu tundi turere barasabwa kugaragaza n'icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere kigaragaza ko aho bashaka kwimurirwa hari umwanya.**

**Mugire Amahoro**

**HABYARIMANA Gilbert**

Umuyobozi W'Akarere Ka Rubavu.